**Daphrose NYIRANGERAGEZE UMUFASHA W'UBUTUMWA MURI DIYOSEZI YA NYUNDO YARATABARUTSE**

Tariki 26 mata 2018 ahagana mu saha y'ijoro nibwo Daphrose NYIRANGERAGEZE, Umufasha w'ubutumwa muri Diyosezi ya Nyundo wabaga muri Paruwasi ya Muramba yitabye Imana mu Bitaro bya Kabaya. NYIRANGERAGEZE ashaje afite imyaka 80 y'amavuko ; Akaba mu muryango wiwabo yari assigaye ari wenyine. Mu buzima bwe yakunze kuba umurezi w'abana cyane abatagira ababitaho nk'imfubyi akabagira abe bakabana, akabakundisha Imana , akabohereza no mu mashuri, cyangwa akabatoza indi mirimo yatuma bazibeshaho mu gihe azaba atakiri kumwe nabo.

Muri uyu muhango wo kumusezeraho bwa nyuma tariki 29 mata 2018 muri Paruwasi ya Muramba, witabiriwe n'abasaseridoti ,abafasha b'ubutumwa bakorera muri Diyosezi ya Nyundo, n'abandi bakristu benshi banyuranye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA , Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yagize icyo abwira abaje gutabara :

Yatangiye agira ati Bavandimwe , nshuti, babyeyi mwese muri hano, bana ,mbanje kubihanganisha kubera urupfu rw'umubyeyi Daphrose NYIRANGERAGEZE, Imana yahamagaye ikamwisubiza. Mwe mwese mwamumenye mukamugiraho umubyeyi n'umurezi, mukomere kandi mwihangane. Twe turamuzirikana by'umwihariko nka Diyosezi yacu ya Nyundo yakoreye igihe cyose cy'ubuzima bwe, atoza abandi ukwemera, kandi mu buzima bwe yihatira kuba umuhamya w'Ivanjili. Ndashimira abantu mwese mwamurwaje mu minsi ye ya nyuma, mukamwitaho ntabure umuba hafi, abafasha b'ubutumwa, abapadiri mwamuhaye amasakramentu, abakristu mwese ba Paruwasi ya Muramba na Kabaya mwamubaye hafi mwese ndabashimiye.

Daphrose umurage w'ubukristu asize mubo yareze, kwitanga no gukunda abantu, tuzabikomeze kandi natwe tubitoze n'abandi. Daphrose Nyirangerageze wagize ubutwari uba umuhamya w'Ivanjili mu bato no mubakuru, Imana ikwakire iguhe iruhuko ridashira kandi natwe ujye udusabira. Daphrose Nyirangerageze uruhukire mu mahoro.

Monique KUBWUMUKIZA warezwe na Daphrose NYIRANGERAGEZE, watanze ubuhamya ; yatangiye avuga ko Daphrose yamuvanye iwabo afite imyaka itatu gusa ubwo ababyeyi be bari bamaze gupfa bose. Yamwitayeho nk'umubyeyi we aramurera kugeza abaye mukuru amutoza gusenga, amujyana ku ishuri ariga amwigisha n'indi mirimo ashobora gukora y'ubuzima busanzwe nk'umwari, amutoza kwiyubaha no kubaha abandi, kwifasha no gufasha abandi bamukeneye. Yarangije avuga ati uyu mubyeyi turashimira Imana yamuduhaye na Kiliziya yamutoje gukunda abantu no kubitangira. Yarangije ashimira Umwepiskopi wabatabaye ashimira n'abandi bose baje kubafata mu mugongo.

UBUKRISTU
UBUVANDIMWE

Daphrose NYIRANGERAGEZE, Imana iguhe iruhuko ridashira uruhukire mu mahoro.

Padiri Jean Marie KWIZERA